**"Yesu Kristo ntahinduka, uko yari ejo, n'uyu munsi ni ko ari kandi ni ko azahora iteka ryose" (Abaheburayo 13:8)**

**Urwandiko mbwirwa benshi, Ukoboza 2011**

Bakundwa, bene Data na bashiki banjye muri Yesu Kristo,

Mbashuhuje mwese indamukanyo ya kivandimwe, muri iyi mpera y'umwaka wa 2011, kandi mboneraho no kubifuriza imigisha mu mwaka mushya uje. Tureke Imana ivugane natwe n'imbaraga, iciye mu Ijambo ryayo:

*"Ahubwo nk'uko Imana ari iyo kwizerwa, ni ko n'ijambo tubabwira atari Yee, maze kandi ngo Oya. Kuko Umwana w'Imana Yesu Kristo, uwo twababwirije ibye jyewe na Siluwano na Timoteyo atari Y ee, kandi ngo abe Oya, ahubwo muri we harimo Yee gusa. Ku byo Imana yasezeranije byose, muri we ni mo hari Yee. Ni cyo gituma ari we udutera kuvuga ngo Amina, kugirango Imana ihimbazwe natwe. Imana ni yo idukomezanya namwe muri Kristo kandi ni yo yadusize. Ni yo kandi yadushyizeho ikimenyetso, ishyira umuganura w'Umwuka wayo mu mitima yacu ho ingwate"*(2 Abakorinto 1:18-22)

*"Ubwo Imana yahaga Aburahamu isezerano,kuko ari nta we yajyaga kurahira uyiruta, ni cyo cyatumye yirahira ubwayo iti…»*

*“Ni cyo cyatumye igihe Imana yashatse kurushaho kugaragariza abaragwa b’isezerano ukudakuka kw’imigambi yayo,yakoresheje indahiro…»* (Abaheburayo 6:13+17).

Imana yishingiye gusohoza ubwayo ibyo yagambiriye byose, ibyo yasezeranije byose, n’ibyo yavugiye mu kanwa k’abo yatumye bose. Nanjye,Imana niyo yanyishingiye, ku buryo Ijambo ryayo mu kanwa kanjye ari ukuri ndakuka – nk’uko byagenze kuri Eliya (1Abami 17:24), kuri Paulo (1Abatesalonike2:13), ndetse no kuri Petero (1 Petero1:25) – nk’ibivuye mu kanwa kayo bwite (Yesaya 55:10-11). Mu bibwirizwa birenga ibihumbi umunani nabwirije mugihe cy’igice cy’ikinyejana maze mu murimo w’Imana, sinigeze mvuga ngo: “Ibi byagenda uku n’uku”, ahubwo Ijambo ry’Imana ryakomeje kuba «Yee”, kandi «Amina” !Ntibyigeze biba «Yee kandi ngo Oya”. Ubwishingizi bw’amasezerano yose y’Imana buri «muri we», mu Mwami wacu, we mutima w’ibibwirizwa, Kristo, Umukundwa n’Umucunguzi wacu. Niyo mpamvu twongeye gushimangira na none tuti: *«… Ku birebana n’amasezerano yose y’Imana, muri we nimo hari Yee…»,*kugira ngo Amina – cyangwa se ugosohozwa kw’amasezerano kubashe kuba muri twe. Amina isobanurwa ngo: Bibe bityo.

Umugambi w’agakiza wose ushingiye ku masezerano, uhereye mu Itangiriro 3: 15, ahavugwa ko urubyaro rw’Imana ruzaza, rukajanjangura umutwe w’inzoka. Ibi byarahanuwe byasohoye igihe ugucungura kwasohozwaga,*«…Namara gutanga ubugingo bwe ho impongano y’ibyaha, azabona urubyaro, kandi azarama. Maze ibyo Uwiteka ashaka bizasohozwa neza n’ukuboko kwe”*(Yesaya 53:10), *“kandi Urubyaro ruzamukorera»* (Zaburi

22:31). Buri sezerano ry'Imana risohorera mu bizera nyakuri kugira ngo biheshe Imana icyubahiro, kuko ari bo rubyaro rw'Imana.

Aburahamu yizeye buri sezerano yahawe n'Umwami Imana, harimo n'amasezerano arebana n'igihugu cy'i Kanani, umugisha uzahabwa abanyamahanga (Itangiriro 12:2-3; Itangiriro 15:5), ndetse n'isezerano ridasanzwe rirebana na Isaka: *"Umwe muri bo aramubwira ati: Iki gihe cy'umwaka nikigaruka, sinzabura kugaruka aho uri, Sara umugore wawe abyare umuhungu"* (Itangiriro 17:21; Itangiriro 18:10).

Nyuma ya buri sezerano, amagambo akuriraho yakagombye kwandikishwa inyuguti nini :*"NUKO ABURAHAMU YIZERA UWITEKA, ABIMUHWANIRIZA NO GUKIRANUKA"*(Itangiriro 15:6; Abaroma 4:3- Darby).


Mu Bagalatiya 3:8, Paulo yabivuze mu magambo make ati:*"Kandi ibyanditswe byamenye bitaraba yuko Imana izatsindishiriza abanyamahanga kuko bizeye, bibwira Aburahamu ubutumwa bwiza bw'ibitaraba biti: Muri wowe ni mo amahanga yose azaherwa umugisha".*

*«...Ibyo ni ukuvuga yuko abana b'umubiri atari bo bana b'Imana, ahubwo abana b'isezerano nibo bemerwa ko ari urubyaro rwayo"*(Abaroma 9:8).

Abantu barenga miliyari ebyiri bitwa ko ari abakristu, bizera Imana mu buryo bwabo. Ariko ikibazo ni iki: Ni nde wizera Imana nyakuri? Ni nde wizera ibyo Imana yavuze? Ni nde wizera ibyo yasezeranije? Ni nde wizera buri Jambo ry'Imana? Ibyo bishoboka gusa iyo Umwami avuganye natwe, buri

umwe wese ku giti cye, akaduhishurira amasezerano yayo, abinyujije mu bibwirizwa by'Ijambo rye, kuko ari ryo rikomokaho ukwizera, akaduhishurira ko dufitanye isano nzima na we, bigatuma tuba umwe nawe ku bw'Umwuka Wera. Ubwo nibwo tuba tumwizeye mu by'ukuri, kuko ukwizera kwacu kuba gushinzwe mu Ijambo ry'Imana no mu masezerano ye.

Hirya gato mu 2 Bakorinto igice cya 1, Pawulo yakubiye mu nyandiko ye abizera nyakuri bose ubwo yagiraga ati:*«Idukomezanya namwe muri Kristo kandi yadusize* - ibi birahuje kandi ni gihamya–*ni Imana…»* (Umurongo wa 21).Habanza Isezerano, hagakurikiraho ukwizera kwacu, ari na ko gutuma isezerano risohora. Kugira Urufatiro rukomeye muri Kristo, no gusigwa n'Umwuka wera, ari na wo utwigisha byose, birajyana(1 Yohana 2:20-27).




Ibi ntaho bihuriye no gusigwa kuri hejuru y'abantu miliyoni 550, bo mu bubyutse bwa gipentekoste, gufatwa nkaho ari umurimo nyawow'Umwuka w'Imana.

Mu kibwirizwa kiswe «Abasizwe bo mu gihe cya nyuma», mwenedata Branham yavuze ku nziga eshatu zigize umuntu, arizo umubiri, umwuka, n'ubugingo.Yashimangiyeko abantu bashobora kwakira Umwuka Wera mu ruziga rwa kabiri, batarigeze bakizwa, cyangwa ngo bavuke ubwa kabiri mu bugingo bwabo. Ibyo yabivuze ashingiye ku byanditswe muri Matayo 5:45,

ahavugwa ko Imana irasira izuba ababi n'abeza, kandi ko igusha Imvura yayo ku bakiranutsi no ku bakiranirwa.Umwuka w'Imana wasutswe koko kubambaye umubiri bose (Yoweri 2:28), kandi uri hejuru y'abari mu isi uhereye kumunsi wa pentekoste, nkuko byari bimeze mu itangiriro ry'ibyaremwe (Itangiriro 1). Byose biterwa n'mbuto, kandi imbuto y'Umwuka ni Ijambo ry'Imana (Mariko 4:14-20; Luka 8:11). Imbuto-Jambo ntabwo ibibwa mu ruziga rw'Umwuka, ahubwo ibibwa mu bugingo. Ingemwe itanga ubugingo iri mu Ijambo ry'Imana.

Buri mbuto yororoka ikurikije kamere yayo. Imbuto nziza ni abana b'ubwami (Matayo 13:36-39), kandi bavutse ubwa kabiri, buzuzwa Umwuka wera, barigishwa, kandi bayoborwa mu kuri kwose n'Umwuka w'Imana (Yoh. 16:7-15).

Avuga ku byanditswe muri Matayo 24:23-26, mwenedata Branham yerekanye mu buryo bweruye, ko abahanuzi b'ibinyoma, na ba kristo b'ibinyoma, nabo biyitirira ko bafite wa Mwuka Wera urimo gukora ubu. Kubera ko abasizwe b'inyoma bagombaga kuba bafite ishusho ijya gusa n'iy'abizera nyakuri bo muri bibiliya, byatumye Umwami atanga iyi mburo: *«Kuko abiyita kristo n'abahanuzi b'ibinyoma bazaduka bakora ibimenyetso bikomeye n'ibitangaza, kugira ngo babone uko bayobya n'intore niba bishoboka»* (Matayo 24:24) .Icyo umuntu akwiye kwibaza ni iki: Ese koko babyawe n'Imana? Ese bavutse ubwa kabiri? (1 Yohana 5:18-21). Ese si abikinyoma ku bwa kamere yabo, no mu nyigisho zabo? Ese ntibari mu nzira mbi ishingiye kumigenzo yabo, bakaba basobanura uko bishakiye Ijambo ry'Imana? Ubwo bimeze bityo rero, ibyo Umwami yavuze ku banditsi bo mu gihe cye, n'uyu munsi biracyafite agaciro: *«Ni iki gituma mutumva imvugo*

*yanjye? Ni uko mutabasha kumva Ijambo ryanjye…Uw'Imana yumva amagambo y'Imana, mwebwe igituma mutumva ni uko mutari ab'Imana»* (Yohana 8:43+47).

Itorero nyakuri rya Yesu Kristo, iryo ubwe yacunguye (1 Petero 3:18), kandi yiyubakiye (Matayo 16:18), rigaruka ku ntango, ku Ijambo nkuko ryabwirijwe ku munsi wa Pentekoste (Ibyakozwe 2), ku nyigisho yakomotse i Yerusalemu, ku musozi Siyoni (Yesaya 2:3; Ubyakozwe 2). Mu by'ukuri, – birakwiriye ko bisubirwamo na none – mu Itorero ry'abana b'imfura (Abaheburayo 12:23), ikibwirizwa cya mbere n'icya nyuma bizaba bisa, kimwe n'umubatizo wo mu mazi wa mbere n'uwa nyuma, umubatizo w'Umwuka Wera wa mbere n'uwanyuma, impano zose z'Umwuka, imbuto z'Umwuka n'ubukozi bwose, byose bizaba iby'umwimerere. Byose bizagarurwa ku miterere yabyo y'inkomoko. Buri nyigisho na buri bikorwa bihamirizwa na Bibiliya, bizahora ari ikitegererezo cy'Itorero ryo mu Isezerano rishya (Ibyakozwe 2:42), kuko Ijambo ry'Imana rihoraho iteka ryose (Yesaya 40:8; 1 Petero 1:25).

Ku iherezo ry'icyanditswe twatangije uru rwandiko, intumwa Pawulo, yongera na none gushimangira akamaro gakomeye k'Umwami wacu: *«… Ni yo yadushyizeho ikimenyetso, iduha Umwuka wayo mu mitima yacu ho ingwate"*. Uwashyizweho ikimenyetso, ntabwo aba yarasizwe mu ruziga rwa kabiri, ahubwo aba yarakiriye Umwuka mu Bugingo bwe, mu mutima. Gushyirwaho ikimenyetso, bishyika gusa igihe twakiriye Ijambo ry'ukuri ku bwo kwizera:

*«Ni we namwe mwiringiye mumaze kumva ijambo ry'ukuri, ari ryo butumwa bwiza bw'agakiza kanyu, kandi mumaze kwizera ni we wabashyizeho ikimenyetso ari cyo Mwuka Wera mwasezeranijwe»* (Abefeso 1:13). Uhawe uwo Mwuka wera, aba amuhawe iteka ryose kandi ntashobora kumwakwa.

*«Uwo Mwuka w'ukuri naza azabayobora mu kuri kose…»* (Yohana 16:13). Noneho ntabwo igikenewe ari ugusigwa gusa, ahubwo ni ukuyoborwa n'Umwuka Wera mu kuri kose.

*«Kandi tuzi yuko Umwana w'Imana yaje akaduha ubwenge, ngo tumenye Iy'ukuri kandi turi mu Y'ukuri, kuko turi mu Mwana wayo Yesu Kristo. Iyo ni yo Mana y'ukuri n'ubugingo buhoraho»* (1 Yohana 5:20).

Ubwo ni bwo dushobora gusobanukirwamo ibyanditswe muri Yohana 3:34 :*«Uwatumwe n'Imana avuga amagambo yayo, kuko Imana itamuhaUmwuka imugereye».*

Uwo Imana itumye ntabwo abwiriza insobanuro ze bwite, ahubwo abwiriza Ijambo ryera kandi ritaneshwa ry'Imana, mu buryo bwaryo bw'umwimerere, kandi ab'Imana bose, bumva, kandi bakizera ibyanditswe nk'uko biri kandi byanditswe. Bumvira imburo yanyuma bakomeje, kuburyo ntacyo bongera ku nama y'Imana itunganye, cyangwa ngo bagire icyo bagabanyaho (Ibyahishuwe 22:18-21).

Aburahamu yarizeye kandi yumvira Imana, nuko ahabwa gukebwa (Itangiriro 17:10-13), nk'ikimenyetso cy'isezerano, nk'ikimenyetso cyo

gukiranuka ko kwizera kwe (Abaroma 4:11). Mu gihe cye byari ugukebwa mu buryo bw'umubiri, ariko ubu ni ugukebwa ko mu mutima :*«...kandi gukebwa ko mu mutima n'umwuka kutari uk'umubiri..."*(Abaroma 2:29).

Mu 1 Abakorinto 9:1-3, intumwa Pawulo ihamiriza ubukozi bwayo bw'intumwa nk'umuntu wiboneye Umwami Yesu, ibwira abizera muri aya magambo: *«Namwe nti muri umurimo wanjye mu Mwami?»* Yari yarababwirije Ijambo, nkuko umuhamagaro we war'uri; kandi hirya yanditse ngo: *«Niba ku bandi ntari intumwa, ariko kuri mwe ndiyo, kuko mwebwe ubwanyu ari mwe kimenyetso cyanjye cyo kuba intumwa y'Umwami. Ibi ni byo nireguza ku bandega».*Nanjye ibi ni byo nireguza ku bandega

Ikimenyetso gishyirwa ku nyandiko zikomeye, nk'impamyabumenyi kugira ngo yemezwe ko ari iy'ukuri. Ni yo mpamvu atari buri torero ryose ryari rifite uburenganzira bwo gushyirwaho ikimenyetso, keretse Itorero rya Yesu Kristo, ryarabyawe n'ubukozi bw'intumwa ryarahawe n'Imana.

Muri 2 Timoteo 2:19, Intumwa ivuga ku magambo yashyizweho nk'ikimenyetso ku rufatiro rwubatsweho Itorero :*«Nyamara urufatiro rukomeye rw'Imana ruracyahagaze, rwanditsweho iki kimenyetso ngo: Uwiteka azi abe, kandi ngo: Umuntu wese uvuga izina ry'Uwiteka ave mu bidatunganye».*

Noneho rero, intore nizo zonyine zashyizweho ikimenyetso cy'Imana. Nizo zonyine zemera ubukozi Imana yashyizeho, nizo zonyine zigendera mu nzira ziri hamwe n'Imana, mu kumvira ukwizera kuzageza ku iherezo.

Uku niko Uwiteka avuze: *«Bumba ibihamya, amategeko uyafatanishe ikimenyetso mu bigishwa banjye»* (Yesaya 8:16).

Igitabo cy'ubwiru kivugwa mu byahishuwe 5:1 cyari gifatanishijwe ibimenyetso birindwi: *«Mbona mu kuboko kw'iburyo kw'Iyicaye kuri ya ntebe igitabo cyanditswe imbere n'inyuma, kandi gifatanishijwe ibimenyetso birindwi»*. Ibimenyetso byarabumbuwe, kandi kubwo guhishurirwa ibikubiyemo byarahishuwe. Icyakora, abashyizweho ikimenyetso, ni bo bonyine basobanukirwa mu buryo nyabwo, ku bwo guhishurirwa n'Umwuka. Abo nibo bigishwa nyakuri. Iki nicyo gitera iki gihe cyacu kuba icy'umwihariko, kandi ibyo bikaba bijyana n' umuhamagaro, no gutandukanywa, no gutegurwa, no kugarurirwa byose. Na none iki nicyo gihe cyo gushyirwaho ikimenyetso n'Umwuka Wera wasezeranijwe, mu gihe ubutuwa bwa nyuma bw'ubuhanuzi, burimo kubwirizwa.

Ubutumwa bwanyuma burimo kubwirizwa ubu, kandi abafite amatwi bose bumva icyo Umwuka arimo kubwira amatorero. Nibo bagize umukumbi w'abanesheje uzaragwa byose, kandi uzicarana n'umucunguzi ku ntebe y'Ubwami, maze bimane nawe ingoma ye. (Ibyahishuwe 3:21). Iryo sezerano naryo ni "Yee kandi ni Amina"!

Uko ni ko Ijambo ry'isezerano ribanza kubwirizwa abana b'isezerano, hagakurikiraho umurimo w'Umwuka w'isezerano, mazebigasozwa no gushyirwaho ikimenyetso.

Mu Isezerano rya kyera, Imana yasohoje amasezerano yayo kuri Aburahamu, Isaka, na Yakobo. Dusoma mu Gutegeka kwa kabiri 9:5 ko *«Gukiranuka kwawe cyangwa gutungana k'umutima wawe, si byo bitumye ujyanwa mu gihugu cyayo no kugihindura, ahubwo gukiranirwa kw'ayo mahanga ni ko gutumye Uwiteka Imana yawe iyirukana imbere yawe, kandi no kugira ngo ikomeze ijambo Uwiteka yabwiye ba sekuruza banyu, Aburahamu na Isaka na Yakobo»*

Muri Yosuwa 23:14, Yosuwa nawe yahuguye abana b'Isirayeli akoresheje aya magambo ubwo yababasezeragaho: *«…Kandi muzi neza mu mitima yanyu yose no mu bugingo bwanyu bwose, yuko nta kintu na kimwe cyabuze mu byiza byose Uwiteka Imana yanyu yabasezeranije, byose byabasohoyeho <u>nta kintu na kimwe muri ibyo cyabuze</u>».*

Mu isengesho rya Salomo, ubwo yegurira Imana urusengero, yaravuze ati: *"Uwiteka Imana y'Abisirayeli ihimbazwe, ni yo <u>yivuganiye</u> na data Dawidi <u>mu kanwa kayo</u>, kandi <u>ikabisohoresha ukuboko kwayo</u>.*
*None Uwiteka ashohoje ijambo yavuze kuko mpagurutse mu cyimbo cya data Dawidi, kandi nkaba nicaye ku ntebe y'ubwami bwa Isirayeli nk'uko Uwiteka yasezeranye. Kandi nujuje inzu nubakiye izina ry'Uwiteka Imana y'Isirayeli»* (1 Abami 8 15+20).

Nyamara, isezerano ry'ibanze ryo mu Isezerano rya kyera ryavugaga ko Umukiza azaza. Ku birebana n'ibyo muri Yesaya 7:14, handitswe ngo: *«Ni cyo kizatuma Uwiteka ubwe ari we uzabihera ikimenyetso. Dore Umwari azasama inda, azabyara umwana w'umuhungu, azamwite Imanweli».* Igihe kigeze,

Mariya yabwiwe inkuru yuko yatoranirijwe uwo murimo, hanyuma aravuga ati: *«Dore ndi umuja w'Umwami Imana, bimbere uko uvuze !»*(Luka 1:38).

Elizabeti nyina wa Yohana,asunitswe n'Umwuka Wera, yarabihamirije agira ati: *«Kandi hahirwa uwizeye, kuko ibyo yabwiwe n'Umwami Imana bizasohora"*(Luka 1:45).

Igihe Marayika yazaniraga Zakariya ubutumwa, amubwira ko we n'umugore we Elizabiti, bagombaga kuba ababyeyi b'uzategura inzira y'Umwami, yabanje kutabyizera. Icyakora nawe yaje kwemera ko Ijambo ry'Imana risohoye, ubwo yuzuzwaga Umwuka Wera agahanura muri aya magambo ati: *«...Nk'uko yavugiye mu kanwa k'abera bayo, bahanuraga uhereye kera kose...»* (Luka 1: 67-80).

Umunsi Itorero ryo mu Isezerano Rishya ryashyiriweho, ubwo igihe cyogusukwa kw' Umwuka wera cyasohoraga, Petero yasobanuriye abantu bari bahuruye ibyari bimaze kuba: *«Ahubwo ibyo mureba ibi byavuzwe n'umuhanuzi Yoweli ngo: Imana iravuze iti : Nzasuka ku Mwuka wanjye ku bantu bose, kandi abahungu n'abakobwa banyu bazahanura, n'abasore banyu bazerekwa, n'abakambwe babarimo bazarota"*(Ibyakozwe 2:16-17).

Koko, Amasezerano y'Imana ahoraho, ntashobora guhungabana, kuko Yesu yashyize ikimenyetso ku byo yasezeranije mu Ijambo rye akoresheje amaraso ye. Amasezerano y'Imana yose ni "Yee, kandi Amina", kandi ubu dushobora kugira umugabane ku byo Imana yadusezeranije. Isezerano rya mbere ryo muri iki gihe ni Ukugaruka kwa Yesu Kristo, nkuko bivugwa muri

Yohana 14:1-3. Ubwo yari amaze gusohoza umurimo w'ubucunguzi, Yesu Kristo yarazamutse ajya mu ijuru, kugira ngo adutegurire ubuturo, kandi azagaruka mu buryo bumwe nk'uko yagiye mu ijuru (Ibyakozwe 1:9-11).

Niyo mpamvu Ukugaruka kwa Kristo, n'ibindi byose bishamikiyeho, ari yo ngingo nyamukuru y'ibibwirizwa byacu. Pawulo Ayobowe n'Umwuka, yanditse ibyo tubwirwa uyu munsi: *"Imana y'amahoro ibeze rwose, kandi mwebwe ubwanyu n'umwuka wanyu, n'ubugingo n'umubiri byose birarindwe, bitazabaho umugayo ubwo Umwami wacu Yesu Kriso azaza. Ibahamagara ni iyo kwizerwa,no kubikora izabikora»* (1 Abatesalonike 5:23-24). Amina !

Imburo ikomeye irahabwa abizera nyankuri, abashyizweho ikimenyetso, kandi bategereje kuzahindurwa kw' imibiri yabo *«Kandi ntimuteze agahinda Umwuka Wera w'Imana wabashyiriweho kuba ikimenyetso, kugeza ku munsi wo gucungurwa. Gusharira kose n'uburakari n'umujinya n'intonganya, no gutukana hamwe n'igomwa ryose bibavemo. Mugirirane neza, mugirirane imbabazi, mubabarirane ibyaha nk'uko Imana yababariye muri Kristo"*(Abefeso 4: 30-32)

Umucunguzi kandi Umwami wo kwizerwa, abiduhe twese, kugira ngo, mu gihe dutegereje mu buryo butunganye rwose, kandi duhuje n'Imana n'Ijambo ryayo, ndetse na bamwe ku bandi, mu rukundo rw'Imana, dushobore guhabwa kugera ku gutungana rwose, no kugira umugabane mu izamurwa.

*«Imana ibasha kubakomeresha ubutumwa bwiza no kubwiriza ko ibya Yesu Kristo nababwirije bihuza n'ibanga ryahishwe uhereye kera kose, ariko*

*noneho rikaba rihishuwe ku bw'itegeko ry'Imana ihoraho, kugira ngo ibyanditswe n'abahanuzi bimenyeshwe n'abanyamahanga, bibayobore inzira yo kumvira no kwizera. Icyubahiro kibe icy'Imana ifite ubwenge yonyine iteka ryose, ku bwa Yesu Kristo, Amina !"*(Abaroma 16:25-27)

Ni nde wizeye ibyo twabwirijwe ? (Yesay. 53: 1; Abaroma 10:16; 1Yoh.1:5)

Ubutumwa bwiza bwa nyuma burimo kubwirizwa amoko yose, kugira ngo abashe kugezwa ku kumvira guheshwa no kwizera. Nk'uko Pawulo yanditse mu Abaroma 1:1-7, ibyo bisohora bishingiye ku byanditswe by'ubuhanuzi. Petero nawe ni ko abyigisha, mu byanditswe bye, aho avuga ibyerekeye Ukugaruka kwa Kristo: *«…Nyamara rero dufite Ijambo ryahanuwe rirushaho gukomera…»,*atihanganira na gato insobanuro bwite n'imwe idafite ishingiro (2 Petero1:16-21).

Habanje gusohora isezerano ry'umwihariko ryo muri Malaki 3:23: *«Dore nzabohereza umuhanuzi Eliya, umunsi w'Uwiteka ukomeye kandi uteye ubwoba utaragera»*. Ibi byahamirijwe n'Umwami wacu, ari nawe wongeyeho ibigomba kubikurikira: *«…Akagarura byose akabitunganya»* (Matayo 17:11; Mariko 9:12). Hano dufite «UKU NIKO UWITEKA AVUZE» ikubye kabiri, ihamirizwa na Matayo na Mariko.Iryo sezerano naryo ntabwo ari «Yee, kandi Oya», ahubwo ni «Yee, kandi  Amina»! Nyamara ibyo bizahishurirwa gusa abizera nkuko ibyanditswe bivuga, kandi abo bonyine nibo bazagira umugabane mu gusohora kw'iryo sezerano. Ibyo Pawulo yanditse cyera biracyafite agaciro na n'uyu munsi: *«Nuko rero uko ni ko bikimeze no muri iki*

*gihe, hariho abantu bakeya basigaye batoranijwe ku bw'ubuntu»* (Abaroma 11:5).

Twashimangiye inshuro nyinshi ku byo Mwenedata Branham yavuze asubiramo neza amangambo yabwiwe n'akanwa k'Umwami, tariki 11 Kamena 1933, y'uko Ubutumwa azahabwa buzabanziriza ukuza kwa kabiri kwa Kristo. Ibyo byabaye ikintu gikomeye Imana yamukoreye ku byerekeye umurimo yashinzwe, kandi bifitanye isano n'umugambi w'Imana w'agakiza no kugaruka kwa Kristo. Iri jambo riracyafite agaciro: *«Ni ukuri, Uwiteka Imana ntazagira icyo akora, atabanje guhishurira abagaragu bayo b'abahanuzi ibihishwe bye»* (Amosi 3:7).

Umuhanuzi Maraki, wahanuye yuko Yohana ariwe wagombaga gutegura inzira, ni nawe wahanuye ku byerekeye umuhanuzi wa nyuma wagombaga kuza ku iherezo ry'umunsi w'agakiza, mbere yuko umunsi ukomeye kandi uteye ubwoba w'Uwiteka ushyika (Malaki 4:5-6). Birahebuje kandi Umwami ubwe yarabyemeje. Iri sezerano naryo ni «Yee kandi Amina".

Imana yacyuye intumwa zayo yaratumye mu isezerano rya cyera n'irishya, ariko ubuhamya bwabo, n'ubutumwa bwabo byatujyejejweho muri Bibiliya. Mwenedata Branham nawe yashohoje umurimo we, nkuko umuhamagaro yahamagawe n'Imana wari uri, kandi ibyo Imana yagombaga kutubwira byose byarahishuwe. Abantu bo bumva koyajyanywe vuba kandi mu buryo butunguranye, nkuko byagenze kuri Yohana mubatiza, nyamara umurimo yagombaga gukora wari warangiye. Ijambo ryahishuwe twarigejejweho, rikubiyemo ubwiru bw'Ubwami bw'Imana, no kubumburwa kw'ibimenyetso.

Uko niko inama yose y'Agakiza k'Imana, nk'ubutumwa bw'Agakiza k'Imana, bukomeza kubwirizwa n'undi muhamagaro watanzwe n'Imana ubwayo, ndetse na nyuma yaho Mwenedata Branham atahiye. Iryo bwiriza butumwa rikubiyemo Ijambo ry'ivuga butumwa, no kwigisha hamwe n'igice cy'Ijambo ry'ubuhanuzi. Uko niko «Ubutumwa bwiza bwuzuye» bwa Yesu Kristo burimo kubwirizwa ubu mu mahanga yose, kugira ngo bube gihamya nk'ubutumwa bwanyuma, mbere yuko Kristo agaruka (Matayo 24:14).

Ni akamo k'ububyutse kagezwa ku bari bose bategereje ukuza k'Umukwe: *«Dore Umukwe araje, ni mumusanganire !»* Ni umuhamagaro wo gusohoka, *"… Ni musohoke muve aho ! Ntimugire icyanduye mukoraho…»* (Yesaya 52:11; 2 Abakorinto 6 : 17-18). Nyamara abari b'abanyabwenge nibo bonyine bazizera ubu butumwa bwa nyuma mu buryo butunganye rwose, ntansobanuro n'imwe bongeyeho. Ni bo bonyine bizera nkuko ibyanditswe bivuga. Bayoborwa mu gusohora kw'ibyanditswe babihishuriwe n'Imana. Bazaba biteguye, kandi bazinjira mu birori by'ubukwe hamwe n'umukwe.

## Gushyira buri kintu mu mwanya waryo

Ese ni mu kihe gice cy'amateka y'umugambi w'agakiza, hashyirwa aya magambo y'Umwami ?*"**Icyo gihe** ubwami bwo mu ijuru buzagereranywa n'abari cumi…»* (Matayo 25:1). Muri Matayo 24, Umwami yahanuye ibizasohora mu bihe bishyira imperuka. Nk'ikimenyetso cy'umwihariko, yatangaje kugaruka kw'abana b'Isirayeli ku butaka bwa ba sekuruza mu gihugu cy'isezerano, akoresheje umugani w'igiti cy'umutini. Avuga ibyo,

yashatse ko twitondera ibirimo gusohora ubu imbere y'amaso yacu, nkuko yabisezeranije : *"Nuko namwe nimubona ibyo byose, muzamenye yuko Umwana w'umuntu ari hafi, ndetse ageze ku rugi"*(Matayo 24 :33). Hanyuma Umwami wacu yavuze kubyerekeye ukuza k'Umwana w'umuntu, agereranya icyo gihe n'iminsi ya Nowa, arongera arashimangira ati :*«… Niko no kuza k'Umwana w'umuntu kuzaba".* Mu gihe cyo kugaruka kwe dutegereje cyane, umwe azajyanwa, undi asigare (umurongo 40-41).  Ibi bizasohora igihe cyo kuzamurwa. Niyo mpamvu yatanze aya magambo nk'imburo ati: *"Nuko mube maso kuko mutazi umunsi Umwami wanyu azazaho"*(umurongo 42);  *«Nuko namwe mwitegure,kuko igihe mudatekereza ari cyo Umwana w'umuntu azaziramo»* (umurongo 44).

Ibyo Umwami yavuzeho byose ku birebana n'intambara, n'impuha z'intambara, inzara, imitingito y'isi, n'ubundi buribwe bwo kuramukwa bwose bugomba kuza ku isi yose, kandi birimo gusohora imbere y'amaso yacu: *«…No ku isi amahanga azababara, bumirwe bumvise inyanja n'umuraba bihorera …»* (Luka 21:25). Ni na ko mu gihe cyacu hasohora ibyo Umwami wacu yahereyeko avuga muri Matayo 24:45-47: *«Mbese ni nde mugaragu ukiranuka w'ubwenge, shebuja yasigiye abo mu rugo rwe, kubagerera igerero igihe cyaryo ?»* Ibi nabyo ni UKU NIKO UMWAMI AVUZE, kandi bireba Itorero.
Imana ntabwo yohereje umuhanuzi wayo kugira ngo ibyo kurya bihunikwe gusa, nkuko mwenedata Branham yabivuzeho inshuro munani, hagati y'itariki ya 11/03/1962 ni ya 28/06/1963, ariko yatumye ibyo byo kurya bigaburirwa abantu bose bo mu nzu yayo. Ku bw'ubwo bukozi, abagaragu bose Umwami yashyize mu murimo we, bashobora gukwirakwiza iryo jambo rimwe, aribyo

byokurya bimwe by'umwuka. Uko niko Ijambo ryahishuwe ryabaye ibyokurya byacu by'umwuka.

Abibaza ko byose byarangiranye n'ubukozi bwa mwenedata Branham, baba bahakanye icyo Umwami yamubwiye ku itariki ya 11/06/1933, igihe yari ku ruzi rwa Ohio, nyuma y'uko umucyo ndenga kamere umanuka, ukabonwa n'abantu bose, maze muri wo hakumvikana aya magambo ngo: **"Nkuko Yohana mubatiza yoherejwe nk'integuza yo kuza kwa mbere kwa Kristo, uko niko ubutumwa wahawe, buzaba integuza yo kuza kwa kabiri kwa Kristo". Abo bo** bizera insobanuro bihimbiye, igoretswe, nta na hamwe havugwa ubutumwa muriyo: "Nkuko Yohana mubatiza yatumwe nk'integuza yo kuza kwa mbere kwa Kristo, niko nawe utumwe nk'integuza yo kuza kwe kwa kabiri"**.** Niyo mpamvu batera umugongo undi wahawe ubutumwa, n'umurimo Imana irimo gukora ubu, bagumye mu by'igihe cyahise, ari nako barushaho kuyoba, bava ku nsobanuro bwite imwe ibayobya , bakajya kuyindi. Ese bafata bate amagambo akurikira yasohotse mu kanwa kamwenedata Branham ubwe? **"Integuza si jye, ahubwo ubutumwa nibwo buzaba integuza ".**

Uhakana ibyo Umwami yavuze, cyangwa ibyo twahawe byose binyuzemu kanwa ka mwenedata Branham, uwo aba ari munsi y'ubutware bw'ubushukanyi, nkuko byabaye kuri Eva. Nk'uko Pawulo yabyanditse mu 2 Abikorinto 11 ko yifuzaga gushyikiriza Kristo umwali utunganye–ari yo ntego na mwenedata Branham yarafite, kandi igiye gusohora vuba – yasobanuye mu buryo bweruye, ukuntu ubushukanyi bwigaragaza: n'uwundi Yesu ubwirizwa, n'undi mwuka ukora, n'ubundi butumwa bubwirizwa. Kubera ububasha yari

afite nk'uwatumwe n'Imana, Pawulo yavuze ko abantu bameze batyo ari ibivume (Abagalatiya:1:6-10). Igitangaje cyane nuko iyi ariyo nteruro yonyine ya mwenedata Branham yanzwe. Naho ubundi duhora twumva ubutitsa ngo: "Umuhanuzi yaravuze ! Umuhanuzi yaravuze !", ari nako bavana ibyo umuhanuzi yavuze mu mwanya wabyo, cyangwa se ngo babe babigarura mu byanditswe byera. Uko niko bahindura umuhanuzi ingingo nyamukuru y'ikibwirizwa cyabo, bagakurizamo kubwiriza ubundi butumwa. Abari b'abanyabwenge bo, bahabwa byose kandi ikintu cyose bakagishyira mu mwanya wacyo, bashingiye ku byanditswe byera; bizera ijambo ryariho mu itangiriro kandi rizahoraho iteka ryose. Nibo bagize Umugeni wacunguwe n'amaraso, yezwa n'ijambo kandi wunzwe na Kristo, ku bw'Umwuka wera.

Nyamara abari b'abapfapfa, nabo bategereje ukugaruka kw'Umwami, ndeste bibwira ko bazazamurwa, bakajya mu ifunguro ry'ubukubwe bw'Umwana w'Intama, mu gihe baca ku ruhande ibyo Imana irimo gukora ubu. Yaba Yohana, yaba Pawulo (Ibyakozwe 26: 13-18), cyangwa mwenedata Branham, ntacyo bashoboraga guhindura ku muhamagaro wabo wari ufite uruhare ku mateka y'agakiza. Nanjye sinigeze mpitamo ibyo Umwami yantegetse gukora, kandi nta ruhare mbifitemo, niba igihe cyose yavuganye nanjye yarakoresheje ijambo "Mugaragu wanjye": "Mugaragu wanjye, igihe cyawe muri uyu murwa kirarangiye… Mugaragu wanjye, ntukazashinge amatorero y'akarere… Mugaragu wanjye, nagutoranije nshingiye kuri Matayo 24:45-47, kugira ngo ugabure ibyo kurya,… Mugaragu wanjye, byuka usome muri 2 Timoteyo 4!" Kuri jye, ibyo yambwiye byose, cyo kimwe n'ibyanditswe muri Matayo 24:45-47, no mu bindi byanditswe, bizakomeza kuba "UKU NIKO UMWAMI AVUZE"

Ibyo bikirangira, hakurikiraho mu gice cya 25 umugani w'abari cumi: "Icyo gihe – mu gihe ibyavuzwe mu gice cya 24 bisohoreramo – Icyo gihe ubwami bwo mu ijuru buzagereranywa n'abari cumi". Hanyuma mu gihe ibyokurya birimo kugaburwa, humvikana akamo mu gicuku hagati kagira kati: "Dore Umukwe araje !". Ibi byose birasohora, kandi ni mur'iki gihe cyacu bisohoreramo. Iki ni igihe cya ngombwa cyane cyo mu mateka y'agakiza. Hahirwa umuntu wese ugifitemo umugabane.

Mu kibwirizwa yise "Ukuzamurwa", yabwirije iminsi 20 mbere yuko ajyanwa n'Umwami, mwenedata Branham yavuze ku byerekeye akamo gakangura: "**Ni ubutumwa buhuruza abantu bukabateraniriza hamwe. Habanza kumvikana ubutumwa bugira buti: "Igihe kirageze cyo gutunganya amatabaza yanyu. Muhaguruke, mutegure amatabaza yanyu!...Dore Umukwe araje! Mubyuke mutegure amatabaza yanyu**" (4/12/1965).

Mu kibwirizwa kiswe :"Ubumwe butagaragara bw'Umugeni wa Kristo" cyo kuri 25/11/1965, ukwezi kumwe mbere yuko ava mu mubiri, Mwenedata Branham yaravuze ati: "Noneho muzitegereze: Ububyutse ni butangira kugaragara mu mugeni w'umwuka, natangira kugaruka ku Ijambo, agahuza naryo, muzitonde, muzabona icyo gihe ubutumwa bukomotse mu byanditswe busingira umugeni, busingire intore".

Mu kibwirizwa ku kimenyetso cya karindwi, yaravuze ati: "Birashoboka ko icyo gihe cyaba cyamaze gusohora, kugirango uwo muntu ukomeye

dutegereje agaragare. Birashoboka ko kubw'ubu bukozi, nageragereseheje kugarura abantu ku Ijambo, urufatiro rwaba rwaramaze gushyirwaho. Niba ariko bimeze, ngiye kuvanwa hagati yanyu burundu. Ntibishoka ko twembi twabera hano icyarimwe. Niba ariko bimeze, jye nzarushaho kugabanywa kugira ngo we abashe gukura. Nahawe n'Imana amahirwe yo kubasha kubona iyo mbinduka"(24/03/1963).

Ku iherezo ry'icyo kibwirizwa, mwenedata Branham yarasenze nanone aravuga ati: "Ndagusabye na none Mwami, ubashe kumfasha. Nkomeje kugira intege nke, Mwami, kandi nziko iminsi nsigaje ari mike; niyo mpamvu ngusabye kumfasha. Mbashe kuba umwizigirwa, nzire uburyarya, kandi nkoreshe ukuri Mwami, kugira ngo mbashe gukomeza gukwirakwiza ubutumwa, igihe cyose nagenewe. Igihe nikigera cyo kubazwa iby'umurimo nashinzwe, ningera kuri urwo ruzi imiraba ikaza, Mana, nzabashe guhereza iyi nkota undi muntu uzira uburyarya kandi ufite ukuri». Imana yacyuye intumwa ariko ubutumwa twarabusigaranye, kandi burabwirizwa ku isi hose. Inkota y'Umwuka (Abefeso 6: 10-20) nanjye narayihawe.

*"Ufite inkota ityaye ifite ubugi impande zombi aravuga aya magambo ati...» (Ibyahishuwe 2:12).*

*"Kuko ijambo ry'Imana ari rizima, rifite imbaraga kandi rikagira ubugi buruta ubw'inkota zose, rirahinguranya ndetse kugeza ubwo rigabanya ubugingo n'umusokoro, kandi rikabangukira kugenzura ibyo umutima wibwira, ukagambirira" (Abaheburayo 4:12).*

Ku itariki 23/08/1964, mwenedata Branham, yatanze iyi mburo ati: **"Mukwiriye gushyira ukwiringira kwanyu muri UKU NIKO UMWAMI AVUZE yo muri Bibiliya gusa. Torero, aho niho honyine nagerageje kubagumisha, bana banjye. Hagize icyambaho, Imana ikankura ku isi, ntimuzigere muhava, Mubizirikane neza mu mitima yanyu, muzagumane n'Ijambo! Nti muzareke iri Jambo ! Muzatere umugongo ikintu cyose kidahuje naryo, icyo aricyo cyose. Icyo gihe nibwo muzaba muzi neza ko ari ukuri".**

Abari b'abanyabwenge, bizera buri jambo ry'Imana, na buri sezerano ryayo. Bagenda barushaho kuyoborwa mu mucyo, kandi bafite umugabane utaziguye mu byo Imana irimo gukora ubu. Ntabwo bafite amatabaza, cyangwa urumuri gusa, ahubwo bafite umugabane ku mwuzuro w'umwuka, kandi ni wo ubayobora mu kuri kwose. Imperezo zabo zuzuye amavuta, kandi, uko niko bazinjira mu birori by'ubukwe, nk'uko Ijambo ry'Umwami wacu ribivuga. Ariko mbere yaho, mu gihe cyo gutandukanwa no gutegurwa, bazi neza ubukozi bw'ubwigisha buri ku murimo ubu, nk'uko bamenye ubukozi bw'ubuhanuzi. Kuko Imana itarekeye aho gukora umurimo wayo mu bihe byashize, ni Imana ya none.

**Ubuhamya bwa Thomas Schmidt**

Mwenedata Thomas na mwenedata Sothman



Mu kwezi kwa cyenda 2009, mwenedata Danieli nanjye twabonye uburyo bwo guhura na mwenedata Fred Sothman, mu rugendo twagiriye i Jeffersonville. Icyo gihe yari afite imyaka 93, kandi twasanze ameze neza mu buryo bw'umubiri ndetse no mu mitekerereze. Yaduhaye ubuhamya bw'ibyo Imana yakoreye muri mwenedata Branham, cyane cyane kubirebana n'impano y'Imana yo gukiza indwara. Ibi ariko ntabwo ari byo byari intego nyamukuru y'urugendo rwacu. Tumaze kuganira umwanya utari muto, twamubajije ikibazo kirebana n'ikiganiro mwenedata Frank yagiranye na mwenedata Branham, bivugwa ko cyabaye nawe ahari. Yarabyibutse, atubwira ko Mwenedata Branham yabwiye mwenedata Frank ko "azasubirana ubu butumwa mu Budage». Ibi yatubwiye byarebanaga n'ikiganiro cyabereye i Dallas, muri Texas, mu 1958. Tumubajije ikindi kibazo, kirebana no guhura kwabo mu kwezi kwa cumi na kabiri 1962, ubwo mwenedata Branham yasubiragamo ijambo ku rindi ibikubiye mu muhamagaro Umwami yahamagarishije mwenedata Frank, tariki 2 z'ukwezi kwa kane 1962, mwenedata Sothman yagize ati: "Nibyo,ni ukuri."Ntabwo Imana yahamirije amagambo akubiye mu muhamagaro gusa: "Mugaragu wanjye, igihe cyawe muri uyu murwa kigiye kurangira…», ahubwo yahamirije n'ibyo mwenedata Branham yongeyeho ubwo yagira ati: «Tegereza

ikwirakwizwa ry’ibyokurya, kugez’aho uzakirira ibisigaye…Ibyo kurya biri mu butumwa buri ku mfata majwi (bande magnetique/magnetic tape).Uru rugendo rwaduteye umunezero mwinshi no gushikama, cyane cyane kubirebana n’ubuhamya tutari twiteze bw’ikiganiro cya mwenedata Frank na mwenedata Branam, cyabaye mu kwezi kwa gatandatu 1958 i Dallas.

Ubu buhamya butanzwe ku bw’icyubahiro cy’Imana, kandi bugafasha abatari bizera ko Umwami yatanze koko umuhamagaro wa ngombwa cyane, ufitanye isano n’umugambi w’amateka y’agakiza. Ku bitureba ubwacu, twari dusanzwe twizera ubuhamya bwa mwenedata Frank n’umutima wose, mbere yuko tunasura mwenedata Sothman, kandi twahawe umugisha mwinshi muri iyi myaka yose biciye mu bukozi bwe.

Imana ntihinduka, ikora iteka ikurikije icyitegererezo cyayo cyo muri Bibiliya. Nimumenye umunsi n’ubutumwa bwawo !

Umuhamagaro wa mwenedata Frank, ntabwo ushingiye kubuhamya bwacu, ariko ashobora kuvuga n’ubushizi bwa manga nka Pawulo ati:“*Mbese noneho dutangiye kongera kwiyogeza? Cyangwa dukwiriye inzandiko zo kutwogeza mwandikiwe, cyangwa zanditswe namwe nk’uko abandi bamwe bajya bazishaka? Ni mwe rwandiko rwacu, rwanditswe mu mitima yacu, urwo abantu bose bamenya bakarusoma”* (2 Abakorinto 3:1-2).

## Ikiganiro n'ingaruka zacyo

Hari ku itariki 12 z'ukwezi kwa gatandatu 1958, mu giterane gikomeye cyabereye i Dallas muri Texas, cyateguwe n'uwitwa Gordon Lindsay, ubwo nashakaga kubonana na mwenedata Branham, ngo mvugane nawe, nk'uko bimaze kurondorwa. Mwenedata Thomas yumvise ubuhamya buvuye mu kanwa k'inshuti magara ya mwenedata Branham, wari uhari icyo gihe tuganira. Turangije kuganira, mwenedata Branham yarambwiye ati: **"Umwami aguhe umugisha kandi abane nawe !"**Kuri uwo mugoroba agiye ku ruhimbi aravuga ati: **"Mu kanya gashize, hari umugabo wampobeye wo mu Budage, aho abahindukiriye Imana bageraga ku bihumbi cumi buri mugoroba, bisobanuye ko bari ibihumbi mirongo itanu mu migoroba itanu".**

Hirya no hino, yari amateraniro yaberaga imberey'Imana. Abantu ibihumbi n'ibihumbi bongeye kwibonera ubwabo ibyanditswe muri Bibiliya. Kuva ku materaniro yabereye ahitwa Karlsruhe (mu Budage), mu kwezi kwa munani 1955, niyumvisemo ko nomatanye koko na mwenedata Branham. Amagambo yavuze ku iherezo ry'ikiganiro twagiranye i Dallas ati: **"Uzasubirana ubu butumwa mu Budage "**yambereye nk'itegeko ryera. Icyo gihe nari narimukiye muri Canada, ngo abe ariho nkomereza ubuzima, nari maze ndetse kugurayo inzu. Ariko nyuma y'uko mbwirwa ko nzasubirana ubu butumwa mu Budage, nasize byose muri uwo mwaka, jye n'umuryango wanjye dusubira mu Budage.

Hari byinshi byavugwa ku byerekeye umurimo nakoreye Umwami muri iki gice k'ikinyejana gishize. Ikintu gikomeye kuruta ibindi byose Umwami yankoreye, ni umuhamagaro Umwami Nyir'ukwizerwa yampamagaye tariki 2 ukwezi kwa kane 1962. Ibyo ntabwo byabaye «yee na oya" ariko bihora ari «Yee kandi Amina, UKU NIKO UMWAMI AVUZE". Ariko na none nzi neza inshingano ishamikiye kuri uwo muhamagaro. Nacunguje uburyo umwete amanwa n'ijoro, mbwiriza, nsemura, nandika, kandi ubwanjye najyanye ubu butumwa mu bihugu birenga 150.

Nzasohoza umurimo wanjye igihe cyose Umwami azabishaka, igihe cyose azakomeza kungirira ubuntu bwo kuwukora. Nzabwiriza Ijambo ritunganye (2 Timoteyo 4:1-5), kandi nzaha ubwoko bw'Imana ibyokurya by'Umwuka, ngabura ibyo twasigiwe byose (Matayo 24:45-47). Nk'uko icyo gihe Pawulo yavuze kuri Silowano na Timoteyo, avuga ko bafatanije umurimo, nanjye nshobora kuvuga ko mfatanije na bene data bari ku isi hose, babwiriza iri Jambo rimwe, ubutumwa bumwe, inyigisho zimwe zo muri Bibiliya, kandi tugafatanya kugabura ibyokurya by'Umwuka. Umugeni arumva, arizera, kandi aritegura.

## Ibiba mu bihe bya nyuma

Muri Bibiliya harimo ibyanditswe bitandukanye bivuga kuri iki gihe cyihariye. Muri byo harimo ingingo ivuga ku kugwira kw'ibyaha, impagarara mu bantu no kutamenya ibyo abantu bakwiye gukora ; ubu biganje hose. Bose barashakisha ibisubizo ariko nta numwe ubifite.  Nta narimwe higeze hakorwa inama zo mu rwego rwo hejuru nk'izabaye muri uyu mwaka. Ingingo

ishishikaje cyane abantu bose ni iy'ikibazo cy'ubukungu bwifashe nabi, n'ikibazo cy'amafaranga yabuze ku isi hose. Ninde wigeze mbere kwumva havugwa ko ibihugu byahombye, bikabura amafaranga yo gukoresha, kandi ko n'ama banki menshi yahombye agafunga imiryango ? Ibihugu byose bishishikajwe no gushakisha ibisubizo, harimo n'Uburusia n'Ubushinwa, kuko buri kimwe kyishingikiriza ku kindi mu bucuruzi bwacyo, cyane cyane ku birebana n'ubukungu.

Ubu na Vatikani nayo yinjiye mu kibazo. Irasaba ko habaho ubutegetsi bumwe buganje isi yose, ko habaho na Banki nkuru imwe y'isi yose, kugira ngo igenzure andi ma banki, n'ibindi bigo by'icunga mari. Igisekuruza kiriho ubu, kirasabwa kumenya neza kandi no gufata icyemezo cyo kwemera izo mbaraga nshya ziganisha isi ku bukungu rusange busangiwe na bose ku isi hose. Ibyo byagaragaye mu nyandiko y'inama y'Abepiskopi iyobowe na Papa yiswe iy'amahoro n'ubutabera. Hongeye na none kuvugwa ko :*« Umwuka wayoboraga mu gihe cy'umunara wa Babeli utakiriho, ko ahubgo ubu hariho umuka wa Pentekoste, umwuka "wo kugira abantu bose kuba umuryango umwe »* (Radio Vatikani, tariki 24 ukwezi kwa cumi 2011).

Nkuko umuhanuzi Danyeli abivuga, ubwami bwa nyuma buganje isi, "buzaconcomera" isi yose, buyihatire kwiyunga. Ingamba zitandukanye zirakomeza gushyirwaho n'abanyaburayi zisimburana, zose zirashaka ukuntu zatunganya ibintu ;bizageza aho byose bihurizwa munsi y'ubutware bumwe : Ubutunzi bw'isi yose, ubutegetsi bw'isi yose, idini ry'isi yose; hose hari umwanya wa bose.

Abatoranijwe bonyine, Itorero ry'ukuri rya Yesu Kristo, niryo rizakomeza kurindwa n'Isumbabyose (Zaburi 91), kandi ukuri kwayo kuzakomeza kuririnda (Zaburi 40:12). Mu isi hose huzuye ibinyoma gusa, kuko ubwami bwose bw'isi, butegekwa n'umwami uganje isi, kandi buri munsi y'ubutware bw'umubi. Nyamara Imana ishoborabyose izashyiriraho abana bayo ubutabera bw'iteka ryose. : "Kandi imanza zitabera ni zo nzagira umugozi ugera, no gukiranuka nzakugira timazi…»(Yesaya 28:17). Kandi nkuko byanditswe muri Daniyeli 7:26-27, mu gihe cy'ubwo bwami bwa nyuma, Isumbabyose izashyiraho Ubwami bwayo bw'imyaka igihumbi, kandi Ingoma yayo nibwo izatangira (Ibyahishuwe 11:15). Igihe kiri bugufi, igihe kirageze !

**Amakuru ku by'ingendo z'ivuga butumwa,**
**guhera mu kwezi kwa cyenda kugeza mu kwa cumi na kumwe 2011**

Dore muri macye uko ingendo zanjye z'ivuga butumwa zagenze mu mezi atatu ashize:

Ku itariki ya 10 ni iya 11 z'ukwa cyenda, twagize amateraniro adasanzwe ahitwa Donetsk mu gihugu cya Ukraine, hajemo bene Data na bashiki bacu bo mu bihugu baturanye, bavuga ururimi rw'ikirusiya. Mwenedata Paul Schmidt yaramperekeje kandi niwe wasemuraga mu kirusiya.

Ku itariki 17 na 18 z'ukwa cyenda, nabwirije i Lyon, ahari hateraniye bene data nabashiki bacu benshi, bavuye mu bihugu bitandukanye by'uburayi. Imana yaduhaye umugisha cyane.

Ku itariki 9 z'ukwa cumi, twagize amateraniro yahawe umugisha,by'umwihariko i Roma, yateraniyemo abavuye mu bice bitandukanye by'Ubutaliyani.

Kuva ku itariki 12 kugeza kuri 22 z'ukwa cumi, nasuye amateraniro atandukanye y'ahitwa Phnom-Penh, muri Cambodge, no mu mujyi witwa Ho Chi Minh muri Vietnam. Bwari ubugira kabiri ngenderera ibyo bihugu. Uko nabwiriziga, ikibwirizwa cyasemurwaga mu rurimi rw'icyo gihugu, kigaherako gishyirwa kuri za DVD, maze zigahabwa abantu benshi. Uwo murimo wo gukwirakwiza ibyo bibwirizwa kuri DVD, uzagira ingaruka zirambye ku bizera bo muri ibyo bihugu.

Urwo rugendo rwasorejwe mu birwa bya Philipine. I Manille twagize amateraniro adasanzwe hamwe na benedata, harimo n'ababwiriza butumwa bageze kuri 60.

Tariki 29 z'ukwa cumi, nyuma y'igihe kirekire tuhaherutse, twasubiye kugirira amateraniro meza cyane turi mu rukundo rw'Imana ahitwa Graz muri Ostrich/Autriche. Twibukiranije ibyabaye mbere y'imyaka irenga 40 ishize, bihamya ukwiringirwa kw'Imana.

Nkuko bisanzwe buri kwezi, abizera bateraniye hamwe i Zürich ku cy'umweru cya nyuma cy'ukwezi kwa cumi ku bwo kwumva Ijambo ry'Imana.

Hagati y'itariki ya 10 na 20 z'ukwezi kwa cumi na kumwe, nabanje kujya muri Angola, aho abantu ibihumbi bateraniye mu bi buga by'umupira i Luanda n'i Cabinda ku bwo kwumva Ijambo ry'Imana. Amateraniro yashojwe no gusengera hamwe, twese duhimbaza Imana, tuyiha n'ikuzo.

Amateraniro mu mirwa ya Harare, na Bulawayo muri Zimbabwe nayo twayigiriyemo imigisha myinshi.

I Blantyre, muri Malawi, amateraniro ya mbere yari yateganijwe mu iteraniro ry'aba Pentekoste bizera ubutatu. Mu gihe umubwiriza yavuze ko adashobora kwizera ubutumwa, intore z'Imana zose zarahagurutse, ziva muri icyo cyumba cy'amateraniro, kugira ngo zigaragaze ko zitemeranya nawe. Amateraniro ya nyuma yabereye i Lilongwe, kandi yabaye intsinzi ikomeye y'ukuri.

Urugendo rwarangiriye i Johannesburg, tariki ya 20 z'ukwa cumi na kumwe. Nk'uko bene data babivuze, ayo materaniro yararimo abizera bageze ku 1500.


Mu gihe kiri imbere sinzi ko nzashobora gukomeza gukora ingendo nk'uko nazikoraga mu myaka yashize. Ndifuza mu mutima wanjye ko nashishikarira cyane cyane kugenderera ibihugu ntari nagenderera kugeza ubu.

Imana yatanze ubuntu bwayo ku buryo benedata muri ibyo bihugu byinshi ku isi hose, hamwe n'amateraniro yabo, babasha gukurikira amateraniro abera hano i Krefeld buri cyumweru cya mbere cy'ukwezi. Mu kwezi kwa cumi na kumwe, hari mudasobwa (ordinateri) 844 zari ku murongo wa interneti kugira ngo abantu bakurikire amateraniro hirya no hino ku isi, kandi ibyo birarushaho kwiyongera.

Ibibwirizwa bibwirizwa mu Budage, biba birimo gusemurwa mu ndimi 12. Umubare wa za DVD twohereza buri kwezi, ugeze ubu kuri 6700. Muri ubwo buryo nabwo, harasohora rya Jambo rivuga ko ubutumwa bwa nyuma,

bugomba kubwirizwa mahanga yose, amoko yose n'indimi zose kugira bube gihamya.

Nuko bene Data na bashiki banjye bakundwa, mwe mushyigikira umurimo w'Imana kugira ngo ukorwe kubw'amasengesho yanyu n'impano zanyu, ndabashimiye cyane. Umwami abagororere kubw'ibyo. Ntibizabura kutugirira umumaro, nidukomeza kuba abizera kugeza ku iherezo, kuko iherezo ariryo rizambikwa ikamba. *«Ufite umugabane wo kuzuka kwa mbere, arahirwa kandi ni uwera !»*(Ibyahishuwe 20:6)



Ukora atumwe n'Imana



Ishusho y'amateraniro i Phnom Penh muri Cambodge



Iyi shusho yerekana igice cy'amateraniro mu kibuga cy'umupira i Luanda, muri Angola



Ishusho y'amateraniro y'i Johannesburg



Amateraniro y'i Roma



Ishusho y’amateraniro y’i Graz, muri Autrichia

Niba mwifuza ko tubohereza udutabo tw'ubutumwa bwiza, bushobora ku twandikira kuri iyi adresi ikurikira:

Mission Center
Boîte Postale 100707
47707 Krefeld
Allemagne

Mushobora no gukurikira amateraniro yacu ya buri kwezi ku murongo wa internet, buri wa gatandatu wa mbere w'ukwezi saa imwe n'igice z'ijoro (GMT+1), no ku cyumweru cya mbere cy'ukwezi saa enye ku manywa (GMT+1). Ayo materaniro asakazwa ku isi hose binyuze mu murongo wa internet, mu ndimi 12 zitandukanye. Ni mugire umugabane mu byo Imana irimo gukora, bihuje n'umugambi wayo w'agakiza !

Page web :http://www.freie-volksmission.de/sprache/franzoesisch/

E-mail: volksmission@gmx.de ou
E.Frank@freie-volksmission.de
• : 0049-2151/545151
Fax : 0049-2151/951293

© Par l'auteur et l'éditeur E.Frank

*******